REPUBLIKA Y'U RWANDA
PEREFEGITURA RUHENGERI
UBUYOBOZI BW'URUBYIRUKO,
SIPORO,UMUCO NO KWIGISHA
IMYUGA ICIRIRITSE.

Ruhengeri, kuwa 15/05/1998
N°11/15/ENCAPREJESCAFOP/RH/98

Innocent
Exploitation & suivi
8.06.98

A traiter par ..........
Date entrée : 1/6/98
N° Classement : 3.1.13/21

Bwana Perefe wa Perefegitura
RUHENGERI.

INFAMVU:
Inyandiko-mvugo
y'inama yo
kuwa 05/05/1998.

Bwana Perefe,

Nishimiye kubagezaho ku mugereka w'iyi baruwa inyandiko-mvugo y'inama isanzwe y'ukwezi.

Iyo nama yahuje nk'uko bisanzwe Ubuyobozi bw'Urubyiruko,Siporo, Umuco no Kwigisha Imyuga Iciriritse muri Perefegitura hamwe na b'b'Ankadereri b'Amakomini yabereye mu biro by'ubwo buyobozi tariki ya 05/05/1998.

Mbaye mbashimiye, Bwana Perefe, umutima mwiza mubyakirana.

Umuyobozi w'Urubyiruko, Siporo, Umuco no Kwigisha Imyuga Iciriritse muri Perefegitura RUHENGERI,
FURERE Zacharie.

MIJEUMA
ENCADREMENT PREFECTORAL DE RUHENGERI

Bimenyeshejwe:
- Bwana Ministri w'Urubyiruko, Siporo, Umuco no Kwigisha Imyuga Iciriritse KIGALI.
- Bwana Burgumestri wa Komini ....................(BOSE) RUHENGERI.
- Bwana Umuyobozi w'Urubyiruko, Siporo, Umuco no Kwigisha Imyuga Iciriritse muri Komini ......................(BOSE) RUHENGERI.

INYANDIKO-MVUGO Y'INAMA YAHUJE ABAYOBOZI B'URUBYIRUKO KU RWEGO RW'AMAKOMINI N'UBUYOBOZI BW'URUBYIRUKO KU RWEGO RWA PEREFEGITURA YA RUHENGERI KUWA 05/05/1998.

ABITABIRIYE INAMA:

1. FURERE Zacharie : Umuyobozi w'Urubyiruko, Siporo, Umuco no Kwigisha Imyuga Iciriritse muri Perefegitura RUHENGERI akaba ari nawe wayoboye inama.
2. MUNGARURIYE Fidele : Umuyobozi w'Urubyiruko wungirije muri Perefegitura RUHENGERI.
3. MUSONI Desire : Umuyobozi w'Urubyiruko muri Komini NYARUTOVU
4. NKUNDABAKURA Javan : " " " " " KIGOMBE
5. KAYIBANDA Donat : " " " " " NKULI
6. NDUWAYEZU Prisylvain " " " " " NYAKINAMA
7. KARUHIJE Charles : " " " " " KIDAHO
8. MAKUZA Alexis : " " " " " NKUMBA
9. KARIBU MUGANZA : " " " " " CYABINGO
10. MURINDABIGWI Vincent " " " " " RUHONDO.

ABATARAJE MU NAMA

1. UGIRASE Zacharie : Umunyamabanga akaba n'umwanditsi Mu biro by'Ubuyobozi bw'Urubyiruko, Siporo, Umuco no Kwigisha Imyuga Iciriritse muri Perefegitura RUHENGERI.
2. RUGERUZA Julien : Umuyobozi w'Urubyiruko muri Komini CYERU
3. NIYONZIMA Polycarpe : " " " " BUTARO
4. KAREKEZI Balthazar : " " " " MUKINGO
5. NDUHUYE Nicolas : " " " " NUDUSU

AMAKOMINI ADAFITE ABAYOBOZI B'URUBYIRUKO:

1. Komini NYAMUGALI
2. Komini NYAMUTERA
3. Komini GATONDE
4. komini KINIGI.

Mbere y'uko gutangiza inama Umuyobozi wayo Bwana FURERE Zacharie yashimiye abayitabiriye anabagezaho gahunda y'inama y'uwo munsi.

1. Raporo mvugo y'ibikorwa by'urubyiruko mu makomini n'ibitangwa n'abo Ankadereri wabo Komini.
2. Kugeza ku bari bitabiriye inama ibyo Ankadereri mu Perefegitura yakuye mu nama yagiyemo inshuro ebyiri i KIGALI.

.../...

-Twari dufite n'ikipe y'abagiganwa n'amaguru (Athletes) - ntibikorwa bitewe n'umutekano muke.

-Kugeza ubu ntabikoresho by'imikino dufite cyane nk'imipora y'amaguru tukaba dusaba buri wese wabona aho igurirwa ko yatumenyesha, nyuma tugasaba Komini ko yabidufashamo ikabitugurira.

b) Umuco:-Dufite itorero ryitwa IRIBA, usibye ko rifite ibibazo bitewe n'umuteka waryo wafungiwe i KIGALI n'uwari umwungirije nawe yarapfuye.

-Ankadereri wiyom Komini akaba yaragerageje kubasimbuza abandi.

-Hari ishyirahamwe ryaririgizwe n'abasaza(abasheshe akanguhe)rigamije kwigisha urubyiruko imikino ya kera no gukomeza umuco nyarwanda.

4. KOMINI NKULI:

a) Urubyiruko: Muri Komini ya NKULI urubyiruko rwinshi rwagiye mubacengezi abandi barapfuye.
Mu masegiteri icumi(10) agize Komini tugera muri atanu(5) ariyo : JENDA,MUKAMIRA, GITWA, RUNIGI na KIMBOGO. Andi masegiteri usanga atagerwamo bitewe n'umutekano muke .

-Urubyiruko rubishoboye runsanga kuri Komini kuko abandi batinya amayira.

-Ankadereri wa Komini ya NKULI yifuje ko yabonerwa nibura igare(velo) kugirango bimufashe muburyo bwo kwegera urubyiruko.

-Kubijyanye n'inzego z'urubyiruko, ubu ziriho muri ayo masegiteri atanu.

b) IMIKINO: Nta mikino ikorwa bitewe no kubura ibikoresho by'imikino, hakiyongeraho n'umutekano muke usibye ko muri iki gihe hari agahenge.
Ankadereri wa Komini NKULI yasobanuye kgira ati : Intwaro y' Ankadereri ari ibikoresho by'imikino kuko aribyo bituma ahanini abonana n'urubyiruko ashinzwe ayobora.
Yatanze icyifuzo cyuko Ministeriny'Urubyiruko yabonera b'Ankadereri cyane cyane imipira y'amaguru.

c) Amashyirahamwe: -Hari amashyirahamwe abiri akora ibikorwa by'ubucuruzi bw'ibiribwa(Restaurant).

-Ayo mashyirahamwe akeneye guterwa inkunga.

d) Umuco : Dufite itorero ry'intore zari zimaze gukomera baribageze kuri 38 ariko muribo hamaze gupfamo intore 10.

-Itorero rya Komini umutoza waryo yagiye mubacengezi abandi barapfuya. Ariko turateganya ku musimbuza undi.

e) Imyuga Iciriritse:
Urubyiruko kugeza ubu rukeneye kwiga imyuga iciriritse ariko ibikoresho byahoze mu bigo bya CERAI byarasahuwe.

5. KOMINI CYABINGO:

a) Urubyiruko: Inzego z'urubyiruko mu masegiteri bitewe n'umutekano muke zarasenyutse. .../...

Amashyirahamwe: Amashyirahamwe afatika akora n'abihaye Imana (Scouts-Xavris)

Imikino: Guhera mu kwa mbere nta mikino yakozwe bitewe no kubura ibikoresho, gusa naje kubisaba muri Ministeri y'Urubyiruko aho bampaye :

-Imipira ya Volley ball 5

- " " Basket ball 6

- " " Hand ball 2

Umuco: Itorero ABIYUNZE rya Komini RUHONDO rikunze guseruka kenshi hirya no hino mu gihugu, rikaba kugeza ubu rigifite umurava wo kwitoza.

IMYUGA ICIRIRITSE:

Ibikoresho bya CERAI, byarasahuwe ariko kugeza ubu Inspecteur arabikurikirana gusa hari bimwe byafashwe naba konseye.

Amashyirahamwe: Muri Komini RUHONDO hari amashyirahamwe y'imyuga barabaza bakadoda.

-Nyuma yo gutanga za raporo kwa Ankadereri b'amakomini umuyobozi w'inama Bwana FURERE Zacharie yagejeje kubari bitabiriye inama ibyo yavanye mu nama yari yatumiwemo i KIGALI inshuro ya mbere.

-Inama ya mbere yari yatumiwe b'Ankadereri by'Urubyiruko

-Hari hatumiwemo abagize imiryango y'urubyiruko nka JOC

-Hari Intumwa za MIJESCAFOP

Icyari kigamijwe muri iyo nama kwari ugushyiraho abagize INAMA NKURU Y'URUBYIRUKO. Hakaba haratowe Komite y'agateganyo . Muribo muri Perefegitura ya RUHENGERI hakaba haratowe BWana Djamali MBANGUTSE watorewe kuba umuyobozi w'Imikino muri Komite National.

-Inama ya kabiri Ankadereri wa Perefegitura yatumiwemo ryari ihugurwa kubyerekeye

UBUZIMA BW'URUBYIRUKO.- Havuzwe indwara SIDA (MST)

-Ibiyobyabwenge inzoga, drogues)

-Imirire/ la nutritition)

-Planification familiale

IBINTU N'IBINDI:

Umunsi w'inama

Umuyobozi w'inama yasabye ko umunsi w'inama wa buri wa gatanu wa mbere wa buri kwezi wajya umenywa na buri Ankadereri akawumenya nk'umunsi w'inama, bityo buri wese akajya yubahiriza gahunda y'inama izajya itangira saa tatu n'igice(9H30').

-Inzibutso ndangamurage: Buri :/ ankadereri asabwe gukora umwirondoro w'inzibotso ndangamurage ziriho muri Komini akageza iyo raporo k'ubuyobozi bw'Urubyiruko ku rwego rwa Perefegitura.